

BASHIKI BACU!



Ntimugakurikireho mu bantu
bagiye guhohoterwa n’

Umuhanuzi w’ibinyoma • Intumwa y’ibinyoma Umushumba w’ibinyoma

Abiyita “abakozi b’Imana” bakoresha amatorero n’amashyirahamwe y’itorero kugirango babone amafaranga n’igikundiyo gishyingiye kugirana imibonano mpuzabitsina hamwe n’abagore ndetse n’abakobwa batabishaka.

Aho ugiye hose usanga, uburyo bakoresha busa n’aho ari bumwe buri gihe. Nk’urugero:

- 1 Kugira ngo mubagirire icyizere,
 - Bazabagaragariza umubano “udasanzwe.”
 - Bazabasezeranya kubona igitangaza kijyanye n’uburyo bwo gukemura ibibazo byanyu.
 - Bazavuga ko bakiriye ihishurwa cyangwa “ijambo ry’ubumenyi” ridasanzwe kubyerekeye ikintu runaka mukeneye cyangwa se ikintu runaka kibabangamiye.
 - Bazaba gusengana nabo muri ahantu hiherereye kandi mwenyine.
- 2 Iyo umaze kuva ku izima, bazagerageza kugukoresha imibonano mpuzabitsina — Akenshi bakubwira ko ntacyo bitwaye kuko Imana iba yatanze uruhushya rwihariye binyuze mu guhishurwa cyangwa mu “ijambo ry’ubumenyi” ridasanzwe. **Bimenye mbere y’igihe ko urwo atari urukundo — n’ikinyoma.** Imana ntizigera iha umugaragu wayo w’ukuri uruhushya mu buryo buhishwe rwo kutumvira amategeko yayo!
- 3 Iyo barangije kugukoresha bakaguterera ku ruhande, bazagutegeka kutagira uwo ubwira ibyo bakoze.

Ubusanzwe bakoresha nabi Zaburi 105:15 —
“Ntimukore ku bo nasize, Ntimugire icyo mutwara abahanuzi banjye.”

Mushikiwanjye, soma umurongo mu mwimerere wawo!
Uyu murongo urimo kuvuga ku bami ba kera na ba sokuruza ba Isiraheli. Ntabwo bivuze ko udashobora kubaza cyangwa guhangana n’umwigisha w’ibinyoma, cyangwa umuntu uwo ari we wese ugerageza kukuyobora abantu mu byaha. Ahubwo, Bibiliya itubwira twese gutahura ndetese guhangana n’abigisha b’ibinyoma.
(Reba nk’urugero, 2 Petero 2:1–3.)

Niba **umuntu wese** uvaga ko ari “umukozi n’Imana wasizwe” agerageza kukuyobora mu busambanyi, **muhunge!**

WIBUKE KO:

Nta muhanuzi nyawe, intumwa, cyangwa umushumba ufite ubutware burenze Ibyanditswe!

- Ijambo ry’Imana risaba abayobozi mu itorero kuba abungeri *barinda intama*, ntabwo ar’ibirura bizikoresha byarangiza bikazirya. Intumwa Pawulo yasabye abakuru b’itorero agira ati: “Mwirinde ubwanyu, kugira ngo muragire Itorero ry’Imana, iryo yaguze amaraso yayo.” (Ibyakozwe n’Intumwa 20:28)
- Intumwa Pawulo yasabye Timoteyo, umukuru w’itorero wingirakamaro agira ati: “Fata abakobwa bakiri bato ubahugure mu buryo bwera nk’uko wifuza guhugura bashiki bawe bwite”.
- Pawulo araburira abizera bose agira ati: “kugira ngo tudakomeza kuba abana duteraganwa n’umuraba, tuyanywa hirya no hino n’imiyaga yose y’imyigishirize, n’uburiganya bw’abantu n’ubwenge bubi, n’uburyo bwinshi bwo kutuyobya.” (Abefeso 4:14)
- Umuburo w’Imana mubyanditswe Byera n’ukungirango habeho kurindwa kwanyu gusa.

GUSOBANUKIRWA NDETSE NO GUSHYIRA MU NGIRO IBYANDITSWE

- “... mugerageze byose mugundire ibyiza, mwirinde igisa n’ikibi cyose....” (1 Abatesalonike 5:21–22) ***Ibi ni umwihariko kubyerekeye kugerageza ubutumwa bashaka kwemeza abandi ko bavugira Imana.***
- “Bakundwa, ntimwizere imyuka yose ahubwo mugerageze imyuka ko yavuye ku Mana, kuko abahanuzi b’ibinyoma benshi badutse bakaza mu isi...” (1 Yohana 4:1) ***Abahanuzi b’ibinyoma ni benshi... kandi tugomba kugerageza ibyo aribyo byose, “Umuhanuzi” avuga bidahuje n’ibyo Imana isanzwe yarategetse muri Bibiliya!***
- “Icyo Imana ishaka ni iki: ni ukwezwwa kwanyu no kwirinda gusambana...” (1 Abatesalonike 4:3) ***Ntamukozi w’Imana w’ukuri uzagerageza kukuyobora mu byaha!*** (Reba kandi Abaheburayo 13:4, 1 Abakorinto 6:18–20)
- “Mwirinde abahanuzi b’ibinyoma baza aho muri basa n’intama, ariko imbere ari amasega aryana.... “Umuntu wese umbwira ati ‘Mwami, Mwami’, si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. Benshi bazambaza kuri uwo muni bati ‘Mwami, Mwami, ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe?’ (Matayo 7:15, 21–23). Yesu aratururira agira ati: ***Si buri wese ugendera ku mbaraga zo gukora ibitangaza mwizina rye rwose witwa umugaragu we!***

**NIBA WABA WARIGEZE GUHOHOTERWA,
SHAKA UBUFASHA.**



Africa Centre for Apologetics Research
Post Office Box 72405—Clocktower
Kampala, UGANDA www.ACFAR.org
email info@ACFAR.org • tel. +256 706 000 664